REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KAMENA 2023

10 Nyakanga 2023

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KAMENA 2023

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2023. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 13,7% mu kwezi kwa Kamena 2023 ugereranyije na Kamena 2022. Ibiciro mu kwezi kwa Gicurasi 2023 byari byiyongereyeho 14,1%.

Mu kwezi kwa Kamena 2023, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 26,2%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 22,7% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 10,7%.

Iyo ugereranyije Kamena 2023 na Kamena 2022, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 9%.

Iyo ugereranyije Kamena 2023 na Gicurasi 2023, usanga ibiciro byariyongereyeho 0,4%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 0,5%

## B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Kamena 2023, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 25,1% ugereranyije na Kamena 2022. Ibiciro mu kwezi kwa Gicurasi 2023 byari byiyongereyeho 28,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Kamena, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 39,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 19,5% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 21,7%.

Iyo ugereranyije Kamena 2023 na Gicurasi 2023, ibiciro byagabanutseho 1%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,8%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Kamena 2023 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 20,4% ugereranyije na Kamena 2022. Mu kwezi kwa Gicurasi 2023 ibiciro byari byiyongereyeho 22,4%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Kamena 2023, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 35,6%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 20,6% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 15,4%.

Iyo ugereranyije Kamena 2023 na Gicurasi 2023 ibiciro byagabanutseho 0,4%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,1%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kamena 2022 kugeza muri Kamena 2023.**

| ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2022 | | | | | | | 2023 | | | | | |
| | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 13,7 | 15,6 | 15,9 | 17,6 | 20,1 | 21,7 | 21,6 | 20,7 | 20,8 | 19,3 | 17,8 | 14,1 | 13,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 17,9 | 22,5 | 23,6 | 28,5 | 39,2 | 42,9 | 39,2 | 38,8 | 37,1 | 39,5 | 35,9 | 28,2 | 25,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 16,1 | 19,6 | 20,4 | 23,9 | 31,0 | 33,8 | 31,7 | 31,1 | 30,3 | 31,0 | 28,4 | 22,4 | 20,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,8 | 1,7 | 0,5 | 2,1 | 2,7 | 0,8 | 0,0 | 1,3 | 1,8 | 1,8 | 1,1 | -1,3 | 0,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 1,5 | 3,5 | 1,6 | 3,8 | 7,6 | 1,5 | -2,5 | 2,6 | 3,2 | 4,3 | 2,0 | -3,5 | -1,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 1,2 | 2,7 | 1,1 | 3,1 | 5,6 | 1,3 | -1,5 | 2,1 | 2,7 | 3,4 | 1,7 | -2,7 | -0,4 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw